**AMASHURI YISUMBUYE**

**IKICIRO RUSANGE**

**UMWAKA WA KABIRI**

**IKIZAMINI K'IKINYARWANDA/60**

**a.** ***Iki kizamini kigizwe n'ibice bikurikira:***
- *Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko*
- *Ikibonezamvugo*
- *Ubuvanganzo*

**b.** ***Subiza ibibazo byose wita ku itonde ryabyo, wirinda gusiba kandi wita no ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.***

---

**Umwandiko: BATEYE RWASERERA**

Uyu mugani bawuca iyo babonye abantu basahinda bateye imvururu, ni ho bavuga ngo: "Bateye rwaserera!" Wakomotse kuri Rwaserera w'i Rusororo mu Rukaryi (Kigali); ahagana mu mwaka wa 1700.

Ubwo hari ku ngoma ya Cyirima Rujugira, maze hatera akanda k'inzara, kayogoza u Bwanacyambwe n'u Rukaryi n'u Buganza; abantu bo muri utwo turere bicwa n'inzara karahava. Mu Rukaryi, i Rusororo, hagatura umugabo witwa Rwaserera, akaba umukungu ukomeye cyane, ufite amasaka, yuzuye ibigega; abantu bo muri utwo turere bakajya kumucaho inshuro, ndetse n'abafite ibimasa n'amasuka bakazana akabahahira.

Inzara igumya guca ibintu muri utwo turere. Bukeye umugabo wari utuye i Buganza bwa Kiramuruzi witwa Rubanguka rwa Mpama arikora ajya gukeza Rwaserera. Ageze iwe, ati: "nje kugukeza ngo unsindire iki cyago k'inzara".

Rwaserera aramwemerera, aramuhaka, amushyira mu bahinzi be barahingana. Bukeye Rwaserera ajya kureba uko abahinzi be bahinga, asanga Rubanguka yihagarariye. Amubonye, aramutonganya, aranamutuka ati: "dore ngo iyo nyana y'imbwa y'umuganza w'umudeshyi ngo irandehereza abahinzi; nkabona iwanyu mwararimbuwe n'inzara ni ubwo bunebwe bwanyu.

Rubanguka abyumvise ararakara, isuka ayijugunya hasi aragenda n'inshuro yaciye arayita; ataha iwabo i Kiramuruzi. Agezeyo abitekerereza abaturanyi be, ababwira uko Rwaserera ari umugome wasagutswe n'umurengwe bikabije.

Haciyeho iminsi, Rubanguka abagisha inama yo gutera Rwaserera ngo bamunyage ubwo bukungu akangisha. Baranga bati: "ntabwo twakwiteza umuntu ejo bitazatugwa nabi mu batware cyangwa ibwami." Abandi barembejwe n'inzara bati: "tuzamutera batwice aho kwicwa n'inzara!"

Nuko ngo bugorobe, barikora baboneza iy'i Rusororo ijoro **ryose**. Umuseke wa mbere utambitse bavuza induru **ndende**, bati: "umwami yatanze Rwaserera!" Rubanda bakangukira hejuru, abanyanzara bose babyumvise batanguranwa kwa Rwaserera; mbese igihugu cyose kirashika **n**'isahinda gitera **Rwaserera**! Baramusakiza basahura ibyo yari afite byose. Urugo baruha inkongi, ahari iwe **haratikira** hazize uwo mucanshuro Rubanguka rwa Mpama w'i Kiramuruzi.

Kuva ubwo rero, babona abantu bari ku musozi basahinda, bakavuga ngo: "Bateye rwaserera." Ubwo baba babagereranya n'abateye Rwaserera w'i Rusororo azize agasuzuguro k'umurengwe.

## A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO /17

### I. Ibibazo byo kumva umwandiko /12

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
2. Rwaserera na Rubanguka bari batuye he?
3. Rubanguka yari mwene nde?
4. Ni iki cyatumye Rwaserera atuka Rubanguka?
5. Ni iyihe mpamvu yatumye Abanyabuganza babura aho bahahira?
6. Rubanda bakoze iki bamaze kumva induru ivuga ko umwami yatanze Rwaserera?

### II. Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko /5

1. Gutera rwaserera
2. Akanda k'inzara
3. Guca inshuro
4. Umudeshyi
5. Guha urugo inkongi

## B. IKIBONEZAMVUGO /30

### I. Vuga amoko y'inshinga zagaragajwe. /5

1. Impuzankano **mwadodesheje** zirabakwiye.
2. Kwiga dushyizeho umwete **ni** byo bizatugeza ku ntego twiyemeje.
3. **Mwari** mwasura Icyanya k'Ibirunga?
4. Cya kivugo gihimbye **gite**?
5. Inka yerera **ndayiruzi** aho aho ibyagiye.

### II. Tanga imbusane z'aya magambo. /5

1. Kuguza #...............
2. Kubunda (guhunga k'umwami) #.................
3. Nyirakuru #..........................................
4. Kwemerera #........................
5. Guhaka# ........................

### III. Shaka impuzanyito z'aya magambo. /5

1. Uruho =
2. Umudeshyi
3. Ikiraro (bambukiraho) =
4. Imbaasha =
5. Kuzahaza =

### IV. Garagaza intêgo n'amategeko y'igenamajwi by'imbundo zagaragajwe /10

1. Niwanga **kwiga** isi izakubona.
2. Ni byiza **kugendana** n'igihe dutata umuco.
3. Nk'urubyiruko, twirinde **kunywa** ibiyobyabwenge.
4. **Kubitsa** amafaranga kuri banki ni iby'ingenzi.
5. Ba babyeyi bavuye **kwishyurira** abana babo amafaranga y'ishuri.
6. Mumubuze **kuriza** icyo kibondo
7. Inshuti nyazo zikunda **kujyana** aho ari ho hose.
8. Umuco nyarwanda ntukwiye **gucika**.
9. **Gukundwa** na bose si ibya buri wese.
10. Guceceka no **gucisha** makeya si ubucucu ahubwo ni ugucengerwa n'ibyo uzi.

**V.** **<u>Vuga ubwoko bw'amagambo yagaragajwe mu mwandiko.</u> /5**

**C. <u>UBUVANGANZO</u> /13**

**I.** **<u>Ikeshamvugo ku masano</u> /5**

1. Umwana w'umwana wange ni……………..wange.
2. Mushiki wa data ni……………………
3. Musaza wa nyina ni……………………
4. Umugore wa mukuru we ni……………….we.
5. Nyina w'umwami ni…………………..

**II.** **<u>Uzuza iyi migani ikurikira</u> /5**

1. Aho ujishe igisabo……………….
2. Ucira amarenga injiji,……………………..
3. Haguma umwami………………………..
4. Nyiri amaso yerekwa bike…………………..
5. Utazi akaraye i Fumbwe………………………

**III.** **<u>Sakwe sakwe</u> !!! , ……………………. /3**

1. Twavamo umwe twashira
2. Urandora ndaguha?

---